

AKARERE KA HUYE

“INDATIRWABAHIZI MAGAZINE” - UKWEZI KWA NZERI 2025

NYAMUKURU

Minisitiri w’Intebe yasuye Akarere ka Huye harebwa ku mishinga y’iterambere.

Mu rugendo rw’akazi rw’iminsi ibiri yagiriye mu Ntara y’Amajyepfo, Minisitiri w’Intebe w’u Rwanda yasuye ibikorwa bitandukanye biri mu Karere cyane cyane imishinga itandukanye y’iterambere iri gushyirwa mu bikorwa na Leta ndetse n’iy’abikorera.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 9.

Hafatiwe hamwe ingamba zo gushimangira ireme ry’uburezi mu mashuri yo mu Karere.

Hateranye inama y’uburezi ku rwego rw’Akarere kuri iyi nsanganyamatsiko: "Uburezi kuri bose, uburezi bufite ireme". Abitabiriye inama bafatiwe hamwe ingamba zo ...

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 6.

Hashimiwe inzego z’imitegekere zegerejwe abaturage zesheje neza Imihigo ya 2024 - 2025.

Mu nama ya Komite mpuzabikorwa y’Akarere hashimiwe imirenge, Utugari n’imidugudu yesheje neza imihigo y’umwaka wa 2024 – 2025, hatangwa n’impanuro zo kongera imikorere n’imikoranire hashimangirwa ko umuturage akwiye guhora ku isonga.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 3.

GiraWigire: Inama za Bizimana wamenye ibanga ry’ubworozi bw’ingurube za kiyambere.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 12.



Mu murenge wa Ngoma hateraniye inteko rusange ngarukamwaka y'Inama y'Igihugu y'Abagore, haganirwa ku byakomeza kwitabwa mu guteza imbere umugore wo mu Karere ka Huye. Muri iyi nteko rusange hasinywe imihigo ya mutimawurugo y'umwaka wa 2025 – 2026.



Hashimiwe umurenge wa Maraba wabaye uwa mbere mu kwesa imihigo ya Mutimawurugo 2024 - 2025

Ni inteko rusange yateranye kuwa 01 Nzeri 2025 ifite iyi nsanganyamatsiko “Umugore ushoboye kandi ugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu”. Inteko rusange yitabiriwe n'abayobozi barimo Honorable Tumushime Francine, Umudepite mu nteko ishingira amategeko; Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere; Umuyobozi w'Akarere; Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze imibereho myiza; inzego z'umutekano; abafatanyabikorwa batandukanye bakora mu bijyanye no guteza umugore imbere n'abandi batumirwa biganjemo abagenwa n'itegeko.



Hasinywe imihigo ya Mutimawurugo 2025 - 2026

Muri iyi Nteko rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere haganirwa ku birebana n'iterambere ry'umugore, harebwa ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ya mutimawurugo 2024 – 2025; hanaganirwa ku mihigo mihigo ya Mutimawurugo 2025 – 2026 ku rwego rw'Akarere n'imirenge, ndetse irasinywa.

Muri iyi nteko rusange hashimiwe imirenge yesheje neza imihigo ya mutimawurugo y'umwaka ushize. Iyo mirenge ni Maraba, Kigoma na Mukura.



Abitabiriye inteko rusange biyemeje ubufatanye mu kwesa imihigo

Mu nama ya Komite mpuzabikorwa y'Akarere hashimiwe imirenge, Utugari n'imidugudu yesheje neza imihigo y'umwaka wa 2024 - 2025, hatangwa n'impanuro zo kongera imikorere n'imikoranire hashimangirwa ko umuturage akwiye guhora ku isonga.



Hashimiwe abesheje neza imihigo ya 2024 - 2025

Hateraniye inama ya komite mpuzabikorwa y'Akarere ka Huye, kuri iyi ntego “Umuturage ku isonga, umuturage ushoboye kandi utekanye.”

Inama yateranye kuwa 24 Nzeri 2025, iteranira muri Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye mu murenge wa Ngoma. Yitabiriwe n'abayobozi kuva ku rwego rw'umudugudu kugera ku Karere. Inama yanitabiriwe n'inzego z'umutekano n'abafatanyabikorwa batandukanye.

Muri iyi nama hashimiwe inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zesheje neza Imihigo ya 2024/025. Imirenge yashimiwe ni Tumba, Rusatira na Ngoma. Ku rwego rw'Akagari hashimiwe Akagari ka Buremera ko mu murenge wa MARABA; akagari ka Musebeya ko mu murenge wa KIGOMA n'akagari ka Sazange ko mu murenge wa Kinazi. Ni mu gihe ku rwego rw'Umudugudu hashimiwe umudugudu wa KINAZI wo mu kagari ka Buremera mu murenge wa Maraba; umudugudu wa wa Kabakobwa wo mu kagari ka Musebeya mu murenge wa Kigoma n'Umudugudu wa Gasoro w'Akagari ka Butare mu murenge wa Ngoma.

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Kayitasi Alice yatanze ubutumwa bwagarutse ku ngingo zo kwita ku buhinzi n'ubworozi, hitabwa cyane ku matungo magufi yororoka vuba; kurwanya isuri, kubungabunga ibikorwa remezo, kwita ku burere n'uburezi bw'abana.

Guverineri yanagarutse ku bukangurambaga kuri mituweli ndetse n'isuku mu baturage. Guverineri yasabye abayobozi gushyira hamwe, kugisha inama no kugira igishyika cy'abo bashinzwe, bityo bigatuma bashakira hamwe ibisubizo; gukorana umutima nama no gukorera ku ntego hamwe no gukemura ibibazo by'abaturage.



Inama mpuzabikorwa yitabiriwe n'abayobozi kuva ku mududugudu

World Vision Rwanda n'Akarere ka Huye bizihije ibyo bagezeho mu bufatanye mu myaka 17 mu umushinga w'Iterambere wa Maraba (Maraba Area Programme) wagize uruhare mu guhindura imibereho myiza y'abana n'imiryango yabo mu mirenge ya Maraba na Kigoma.

Ibirori byabaye ku wa 16 Nzeri 2025, mu Murenge wa Kigoma ahari hateraniye abayobozi n'abaturage bishimira itambwe yatewe mu iterambere, muri uyu mushinga watangijwe mu 2008, ushyirirwa mu bikorwa mu midugudu 90 igize utugari 14 two mu mirenge ya Maraba na Kigoma.

Mu byishimirwa harimo amavuriro, imiyoboro y'amazi, ibyumba by'umukobwa ku mashuri, hubatswe kandi ibyumba by'amashuri bisanzwe byatwaye asaga miliyoni 500 Frw, hubakirwa abatishoboye biganjemo abakuwe muri nyakatsi, abaturage bigishwa guhinga, korora no gucuruza.



Umuyobozi w'Akarere yashimiye World Vision ubufatanye mu guteza imbere abaturage



Hishimwe ibyagezweho ku bufatanye na World Vision

Umuyobozi Mukuru wa World Vision Rwanda, Pauline Okumu, yagaragaje ko bishimira intambwe abaturage bafashijwe bagezeho, ashimangira ko ari intsinzi yaturutse mu bufatanye bwa bose.

Umuyobozi w'Akarere ka Huye, Sebutege Ange, yashimye World Vision ku musanzu yatanze muri Huye mu rugendo rw'imyaka 17 ishize, yibutsa ko itafari ryabo mu iterambere rizahora ryibukwa. Ati *“Ubufatanye bwanyu bwari bwiza cyane. Iyakorewe hano bigaragarira amaso byatwaye asaga asaga miliyari 3Frw, kandi akarere katanze miliyari 1 Frw. Ingengo y'imari ingana ityo mu mirenge ibiri gusa, ntabwo akarere kayishoboza.”*

Umuyobozi w'Umushinga wa World Vision, mu Ntara y'Amajyepfo mu gice cyitwa Ishema, Seba Osée, yagaragaje ko uyu mushinga wazanye impinduka mu buzima bw'abaturage mu gihe umaze uhakorera.

Yagaragaje ko hubatswe amashuri menshi, harwanywa imirire mibi, Sida, batangwa amazi meza, hubakwa amavuriro, gufasha abana kwiga, aho abenshi ubu bamaze kuba abagabo bari kwiteza imbere, hashinzwe amatsinda yo kwizigama, abaturage bamenya gucunga ifaranga no kurishakisha, ari na ko imiryango yitandukanya n'amakimbirane.

Umuyobozi w'Akarere yakomeje abwira abaturage bari abagenerwabikorwa ati *“Ibyo mwagezeho mu myaka 17 ni imbaraga, intwari n'urukingo byo kurwanya ubukene, ubu murakomeye ngo mucuke, ntimuzasubire inyuma.”*

Uyu mushinga usize hubatswe imiyoboro y'amazi ibirometero bisaga 250 byahaye amazi abasaga ibihumbi 52, inzu z'ababyeyi eshanu ku bigo nderabuzima, ibyumba by'amashuri 38, ibyumba by'umukobwa ku mashuri 18, ubwiherero rusange busaga 250 ku mashuri n'insengero, ishingwa ry'amatsinda yo kwizigama 765 n'ibindi byinshi.

Umuyobozi w'Akarere yakiriye umuyobozi wa Nigerian Institute of Management, hakorwa ibiganiro biganisha ku mikoranire y'impande zombi.



Hakiriwe itsinda riyobowe n'Umuyobozi wa "Nigerian Institute of Management"



Ni ibiganiro byabereye mu Karere ka Huye kuwa 3 Nzeri 2025, aho Umuyobozi w'Akarere yakiriye itsinda riyobowe na ABIMBOLA OLARIBIGBE AYUBA, Umuyobozi wa Nigerian Institute of Management. Ibiganiro byahuje aba bayobozi byagarutse ku byo impande zombi zafatanyaga mu mikoranire.

Nigerian Institute of Management isanzwe ifitanye ubufatanye ka Kaminuza y'Abaporotestanti y'u Rwanda (PUR) iherereye mu Karere ka Huye.



Abayobozi bombi biyemeje baganiraye ku bufatanye bw'impande zombi

Hateranye inama y'uburezi ku rwego rw'Akarere kuri iyi nsanganyamatsiko: "Uburezi kuri bose, uburezi bufite ireme". Abitabiriye inama bafatiye hamwe ingamba zo gukomeza kuzamura ireme ry'uburezi mu mashuri, gutsindisha neza bikaba intego.



Mu nama y'uburezi hashimiwe amashuri yatsindishije neza mu mwaka w'amashuri 2024 - 2025

Ni inama yateranye kuwa 5 Nzeri 2025, ibera mu murenge wa Ngoma. Inama yitabiriwe n'abayobozi b'ibigo by'amashuri, abashinzwe amasomo, abahagarariye abarimu, abagenzuzi b'uburezi mumirenge, abashinzwe uburezi mu Karere, ...

Iyi nama y'uburezi ku rwego rw'Akarere yitabiriwe na Dr Bernard Bahati, Umuyobozi mukuru wa NESA; Umuyobozi w'Akarere n'abandi bafatanyabikorwa.

Muri iyi nama haganirwe ku ngamba zo gukomeza kwimakaza ihame ry'uburezi mu byiciro byose by'amashuri yo mu Karere.

Muri iyi nama y'uburezi hashimiwe ibigo by'amashuri byatsindishije neza mu bizamini bya Leta by'umwaka wa 2024 - 2025.



Inama yitabiriwe n'abayobozi b'ibigo by'amashuri, abashinzwe amasomo, abahagarariye abarimu, abagenzuzi b'uburezi mumirenge, abashinzwe uburezi mu Karere, ...

Umwaka w'amashuri 2025 – 2026 watangiye neza mu mashuri yose y'Akarere ka Huye. Abanyeshuri n'abarezi basabwa kuzarangwa no gukorera ku ntego yo gukora cyane, bityo abanyeshuri bakazatsinda neza.



Umuyobozi w'Akarere n'abandi bayobozi batanze ubutumwa butangiza umwaka w'amashuri

Mu butumwa bwatanze n'ubuyobozi bw'Akarere kuwa 08 Nzeri 2025 ubwo amasomo y'umwaka w'amashuri 2025 – 2026 yatangiraga, mu butumwa bwatanze mu mashuri yose bwagarutse ku guhamagarira wese, haba abanyeshuri, abarezi ndetse n'ababyeyi gufatanya no gukora neza buri wese inshingano ze; bityo bikazatanga umusaruro mwiza ababyeshuri batsinda neza.

Ubutumwa bwanyujijwe ku mbuga zitandukanye z'Akarere buragira buti “Twifurije abanyeshuri bose intsinzi muri uyu mwaka watangiye, kurangwa n'ikinyabupfura & indangagaciro nziza ziranga umwana wuje uburere. Turasaba abarezi kurangwa n'ubwitange no kwesa neza imihigo yabo.”

Ubutumwa bukomeza bugira buti “Uruhare rw'ababyeyi ni ingenzi mu burezi. Tuributsa ababyeyi kohereza abana ku ishuri ku gihe kandi twifurije urugendo rwiza abiga muri Huye bagomba kuhagera uyu munsu. Uko umwaka w'amashuri uzagenda bigaragara ku munsu wa mbere. Turasaba ubufatanye buri wese itangira rizagende neza. Utangiye neza anasozza neza.”



Amasomo yatangiye neza mu mashuri yose yo mu Karere ka Huye.

Mu mirenge yose y'Akarere ka Huye hakoze umuganda wihariye w'urubyiruko. Ku rwego rw'Akarere, umuganda wakorewe mu murenge wa Gishamvu, ahibanzwe ku mirimo yo gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza.



Umuganda wakoze wibanda ku bikorwa byo kubakira abatagiraga aho kuba

Umuganda wakoze kuwa 13 Nzeri 2025, ukorerwa mu mirenge hashingiwe ku bikorwa byateguwe na buri murenge. Ku rwego rw'Akarere wakorewe mu mudugudu wa Rusasa, akagali ka Sholi, umurenge wa Gishamvu. Hakoze imirimo yo kubakira abatari bafite amacumbi harimo imirimo yo kubaka no kubumba amatafari.

Umuganda w'urubyiruko mu murenge wa Gishamvu witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange, Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'urubyiruko mu Karere Manishimwe Joyce, urubyiruko rutandukanye n'abatuye Umudugudu wa Rusasa.

Nyuma y'umuganda hatanzwe ubutumwa burimo ubushishikariza urubyiruko gukora cyane hagamijwe kwiteza imbere, hakabyazwa umusaruro amahirwe atangwa n'Igihugu nka Youth Connect, kwihangira umurimo no kuwunoza, imikoreshereze inoze y'imbuga nkoranyambaga, kwirinda ibiyobyabwenge no kwizigamira muri EjoHeza.

Mu bundi butumwa bwahawe abitabiriye umuganda, havuzwe kuri gahunda yo kujyana abana bose ku ishuri no mu marerero, ubukangurambaga kuri gahunda ya Byikorere, hakoreshwa urubuga Irembo mu kwisabira serivise, ubukangurambaga ku kuboneza urubyaro no gusigasira umutekano.



Mu rugendo rw'akazi rw'iminsi ibiri yagiriye mu Ntara y'Amajyepfo, Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda yasuye ibikorwa bitandukanye biri mu Karere cyane cyane imishinga itandukanye y'iterambere iri gushyirwa mu bikorwa na Leta ndetse n'iy'abikorera.



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yasuye ibikorwa bitandukanye mu Karere ka Huye

Muri uru ruzinduko rw'akazi rw'iminsi ibiro rwo kuva kuwa 22 na 23 Nzeri 2025, Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yasuye Intara y'Amajyepfo. Minisitiri w'Intebe yasuye Umujyi wa Huye, ahereye ku cyanya cy'inganda gihereye mu gace ka Sovu mu murenge wa Huye. Yakomereje mu gace k'ubucuruza kazwi nko mu Cyarabu anasura kandi uruganda rwa Labophar rukora imiti rurimo kuvugururwa no kwagurwa mu murenge wa Ngoma.



Kuwa 23 Nzeri 2025 Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yasoje uruzinduko rw'iminsi ibiri yagiriraga mu Ntara y'Amajyepfo asura Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kunoza icyororo cy'amatungo, gihereye muri RAB Songa mu Karere ka Huye.



Iki kigo gifite uruhare rukomeye mu guteza imbere ubworozi binyuze muri gahunda yo kuvugurura icyororo cy'amatungo, cyane cyane inka, hagamijwe kongera umusaruro n'ubudahangarwa bw'amatungo mu Gihugu.



Umuganda rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2025 wakorewe ku rwego rw'umudugudu hakurikijwe ibikorwa byateganijwe. Ku rwego rw'Akarere umuganda wakorewe mu murenge wa Rwaniro, Akagari ka Kamwambi, umudugudu ya Remera, ku musozi wa Kinunga, mu bikorwa byo kurwanya isuri.

Umuganda rusange wakozwe Kuwa 27 Nzeri 2025, aho mu murenge wa Rwaniro hibanze ku bikorwa byo kurwanya isuri hacukurwa imirwanyasuri, hanasiburwa iyasibye ku buso bwa 5 Ha, hagamijwe kurengera ibishanga byangizwaga n'amazi.

Umuganda witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange, Umuyobozi wa Polisi mu Karere n'abandi mu nzego zinyuranye.



Mu muganda hacukurwa imirwanyasuri



Nyuma y'umuganda hatanzwe ubutumwa burimo ubwo gukangurira abaturage gukora cyane bakivana mu bukene, kwita ku isuku, kurwanya ruswa n'akarengane no gusigasira umutekano.

Hatanze kandi ubutumwa bwa Banki Nkuru y'u Rwanda bujyanye n'icyumweru cyahariwe gukemura ibibazo by'abaguzi ba serivisi z'imari, n'ubutumwa bujyanye n'igihembwe cy'ihinga 2026A no kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe abageze mu zabukuru, uzizihizwa kuwa 7/10/2025 ku nsanganyamatsiko igira iti: "Twite ku bageze mu zabukuru, dutegura ahazaza heza h'abakiri bato, ni inkingi mu iterambere rirambye."

Abitabiriye umuganda mu murenge wa Rwaniro banapimwe ku bushake indwara zitandura, buri wese agirwa inama hashingiwe ku bipimo bye.



Hateranye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere iyobowe na Perezida wayo Dr Kagwesage Anne Marie. Haraganirirwe ku ngingo zigamije iterambere ry'Akarere zirimo ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere 2025-2026, iteganyabikorwa ry'ibikorwa by'Akarere; imyiteguro y'igihembwe cy'ihinga 2026 A n'izindi.



Inama Njyanama yakozwe haganirwa ku ngingo zigamije iterambere ry'Akarere

Iyi nama yateraniye mu Karere ka Huye kuwa 30 Nzeri 2025, haganirwa ku ngingo zirimo kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 20 Kamena 2025, inyandikomvugo y'Inama idasanzwe y'inama Njyanama yo kuwa 30 Kamena 2025, inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 27 Kanama 2025 no kureba uko imyanzuro yafashwe muri izo nama yashyizwe mu bikorwa.

Muri iyi nama Njyanama harebwe imihigo y'Akarere 2025-2026 igeze ishyirwa mu bikorwa, iteganyabikorwa ry'ibikorwa by'Akarere (Action Plan) n'ikoreshwa ry'ingengo y'imari.

Abajyanama bemeje imyanzuro ya Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi y'Akarere banamurikirwa imyiteguro y'igihembwe cya mbere cy'ihinga 2025 - 2026.

Mu bindi, Umuyobozi w'Akarere yasangije inama Njyanama amakuru ajyanye n'uruzinduko rw'akazi Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yagiriye mu Karere ka Huye.



Bizimana Benjamin, umworozi w'ingurube ubimazemo imyaka 10, yavuze ko ikoranabuhanga mu gutera intanga ryatumye ahindura imikorere, ubu akaba asigaye yorora iza kijyambere z'ibilo bisaga 300 ndetse zikaba zaranamuzamuriye imibereho.

Uyu mworozi wo mu Murenge wa Maraba, Akagari ka Kanyinya, Umudugudu wa Kayeye, avuga ko yatangiye korora ingurube mu 2015, ariko mu buryo bwa gakondo.

Mu myaka irindwi yamaze yorora ntabwo byihutaga, ariko ageze mu 2022 abona amahurugwa ya World Vision Rwanda binyuze mu Mushinga w'Iterambere wa Maraba ndetse na DUHAMIC ADRI, maze aravugurura atangira korora bya kijyambere anayoboka ikoranabuhanga ryo guteza intanga.

Bizimana avuga ko yaje gutungurwa n'uburyo ingurube ya kijyambere itarya ibiryo byinshi, aho ubu izo afite azigaburira ibilo bibiri ku munsu gusa kuri buri imwe, kandi acyorora bya gakondo yarahendwaga n'ibiryo, ntabwo umusaruro.

Ati “*Ku munsu, imwe irya ibilo bibiri kandi ari ingurube imaze gukura rwose, urubyeye ntabwo irushya. Mu by'ukuri, korora ingurube harimo inyungu.*”

Bizimana yakomeje avuga ko ibyo kubangurira ku mfizi atakibibamo, ahubwo asigaye atumiza intanga zikazanwa n'utudege tutagira abapiloti (drone) tukazimusangisha aho atuye.

Ati “*Iyo ingurube yarinze ndabimenya, nkajya gukoresha komande y'intanga ku mukozi ubishinzwe ku murenge, intanga zanjye zikazanwa na 'drone', nkajya kuzifata ku murenge, noneho nkaha umuveterineri udukurikirana akazinterera ingurube.*”

Yakomeje avuga ko iyo ingurube yabyaye, ikibwana kimwe aba akigurisha ibihumbi 50 Frw ndetse ubu inkuru muri zo imaze kubyara inshuro eshanu.

Bizimana ahamya ko nyuma yo kuyoboka ubu bworozi buteye imbere, yazamuye imibereho, aho ubu yaguze inka ya kijyambere, avugurura inzu ye ayishyiramo isima, ndetse ngo byamuhesheje ubushobozi bwo kugura indi nzu ku isantere y'iwabo yaguranye n'akabari karimo, ubu akaba ari n'umucuruzi.



Bizimana yiteje imbere kubera ubworozi bw'ingurube

Bizimana avuga ko ubu atunze ingurube zirenze imwe, aho inkuru muri zo bamugereka ibihumbi 800 Frw, akagira inama n'abandi borozi b'ingurube kutadatakaza igihe mu bworozi bwa gakondo budafite intego, ahubwo bakayoboka ubworozi buteye imbere kandi butanga umusaruro.

IMBUGA ZACU:

 info@huye.gov.rw

 www.huye.gov.rw

   HuyeDistrict

 4056

 BP 35 Butare

Byanditswe & Bitunganywa na :

BONEZIMANA Emmanuel

+250788679624

Public Relations & Communication